

Akamaro k'Indirimbo mu Gutoza Kuvuga Neza no Kunguka Amuga mu Rubumbabaga Nyarwanda: Urungano n'Igipimo cy'Urukundo za Rugamba Cyprien

Sosthene Ntibanyurwa^{1*}, Emmanuel Hakizimana², Immaculee Irankunda³

¹Centre for Languages Enhancement, University of Rwanda, Rwanda. ntibaso3@gmail.com

ORCID: <https://orcid.org/0009-0006-1246-6133>

²Department of Languages, Institut Catholique de Kabgayi, Rwanda. hakizemmy1988@gmail.com

³GS Cyumba, Gisagara District, Rwanda. immaculeeirankunda72@gmail.com

Correspondence: ntibaso3@gmail.com

Received: September 01, 2025; **Accepted:** October 24, 2025; **Published:** November 26, 2025

Abstract: “Akamaro k'indirimbo mu gutoza kuvuga neza no kunguka amagambo mu rubumbabaga nyarwanda: *Urungano n'igipimo cy'urukundo za Rugamba Cyprien*” (The Impact of Songs in Teaching the Art of Speaking Well and Acquiring Vocabulary in Rwandan Society: *Urungano* and *igipimo cy'urukundo* by Rugamba Cyprien) is a study guided by the general objective of evaluating the contribution of songs in teaching effective public speaking and enriching vocabulary within the Rwandan community. To achieve the set objectives, we selected two literary works by Rugamba Cyprien: *Urungano* and *igipimo cy'urukundo*. The methodology used to analyze these works was based on a literary criticism approach known as *ijoranyandiko*. Following the selection of the case studies, we applied different methods—namely *umunozo*, *ikeshamvugo*, *isesengurangingo*, and *isesengurantego*—to support our literary analysis and help us reach our goals. Through the analysis, we found that these songs promote values such as love, peace, and harmonious living within Rwandan society. The results of our study confirmed that the objectives were successfully met. Indeed, Rugamba Cyprien significantly contributed to fostering a culture of love, peace, and tolerance among Rwandans. This is clearly reflected in both songs, where the author emphasizes that love is fundamental to human relationships. One of the recommendations drawn from our findings is that students should form clubs dedicated to promoting Cyprien Rugamba's literary works within Rwandan society.

Keywords: Amuga, Igipimo cy'urukundo, Indirimbo, Kuvuga neza, Urungano

1. Intangiriro

1.1. Uruhando rw'inyigo

Mu mibereho ya muntu ya buri muni, indirimbo cyangwa umuziki usanga ari ikintu cy'ingenzi. Abize amashuri yisumbuye mu Rwanda mu myaka ya za 2008 gusubira inyuma, baribuka inshoza igira iti “La musique est l'art de combiner les sons d'une manière agréable à l'oreille” (Dubois, 1924). Rwose abantu bakagubwa neza pe! Mu bihe by'ibyishimo cyangwa ibirori, indirimbo zirakoreshwa. Ndubuka interuro nasomye kera ivuga ngo “qui est joyeux a envie de danser”. Mu bihe by'amage, by'agahinda cyangwa akababaro, indirimbo zirakoreshwa. Ubushakashatsi bwerekanye ko umuziki

wagiye ufasha mu kugabanya ububabare bw'igihe kirekire (Betton, 2024). Umugabo agera mu rugo bamugezaho ikibazo kiremereye, mu gihe atarabona igisubizo akaba yirangaje aririmba. Umugore mu rugo iyo yahuye n'ikibazo runaka, aba ari turimo two mu rugo (akubura, afura, yoza ibyombo, ...) aririmba yatuye (afunguye umunwa) cyangwa afunze umunwa (ibyho mu gifaransa bita "bouche fermée"). Ariko n'iyi yishimye, arahanika indirimbo akaririmba.

Iyo usomye ibitabo by'ubuvanganzo bwaba ubwo mu Rwanda cyangwa ahandi usanga indirimbo ari igice kitibagiranye, kikaba kibumbatiye ubukungu n'ubutumwa bwinshi ku muryango. Ku bireba indirimbo nyarwanda, iyo urebye usanga atari abantu benshi cyane bazikoraho ubushashakashatsi; bityo bigaragara ko hari byinshi bikenewe gukorwaho kugira ngo bimenyekane neza.

Mu rwego rwo kugira umusanzu dutanga twifuje gukora ubushakashatsi mu kugaragaza akamaro k'indirimbo mu gutoza kuvuga neza no kunguka amagambo mu rubumbabaga nyarwanda: *Urungano n'igipimo cy'urukundo* za Rugamba Cyprien kubera ko twasanze indirimbo ari ikintu gifite akamaro gakomeye mu buzima bw'ibiriho byinshi. Ingero zirahari: Umuziki wagaragaje kugira uruhare rukomeye mu gihe cyo kwita ku bana bakiri bato (François, 2024); umuziki kandi ufasha ubwonko gukora neza (Moussard, Rochette & Bigand, 2012). Sibomana (2023) ahamya ko kuva kera indirimbo zifite uruhare rukomeye mu buzima bw'igihugu, ari mu rwego rwa politiki, ari mu byerekeye ubukungu ari no mu bireba imibereho y'abaturage. Ingero twavugaga: gutera imbaraga n'umurava ingabo ku rugamba, kugusha neza imitima ishavye, kogeza urukundo, gusesekaza umunezero mu bihe bisanzwe by'amahoro, etc. Indirimbo zose (zaba iza Rugamba cyangwa abandi bahanzi) ntabwo twazikoraho aka kanya, ahubwo twahisemo gukora ku ndirimbo ebyiri za Rugamba Cyprien, ari zo *Urungano n'igipimo cy'urukundo*.

1.2. Imiterere y'ikibazo

Kuririmba bibarirwa mu buvuganzu nyarwanda, icyo gikorwa kikorwaho n'utuntu tubiri ari two: injyana n'impuzarugwiro. Igihe umuntu aririmba humvikana amajwi. Ashobora kugarukira ku rwego rw'amajwi gusa cyangwa se akongeraho ingoma, amashyi, umucezo, ... Hari igihe abantu bizihirwa bakabyina (byo gucinya akadiho).

Ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda y'indirimbo ntabwo igihe yatangiye kizwi neza. Ni ingeri y'ubuvanganzo ingana na muntu, kuko kuva muntu yabaho, agatangira kuvuga, kuririmba byatangiyeye gukorwa, kuko baririmbaga baruhuka (Toyoshima, Fukui, & Kuda, 2011). Ibi kandi bishimangirwa na Budson (2020), aho yerekanye ko umuziki n'indirimbo bifite uruhare runini mu guteza imbere ubuzima bw'ubwonko n'uturemangingo tw'umubiri. Umuziki ushobora kongera imikorere y'ubwonko, guteza imbere imikoranire y'uturemangingo, no gufasha mu guhangana n'indwara zitandukanye. Ku mikorere y'ubwonko, umuziki utera imikorere y'uduce twinshi tw'ubwonko, harimo utwifashishwa mu byiyumvo, kwibuka, kwiga, no gutekereza. Ku byo guteza imbere imikoranire y'uturemangingo, hazamo kumva cyangwa gukina umuziki, ibi bikaba byongera imikoranire hagati y'uturemangingo tw'ubwonko, bigatuma habaho impinduka nziza mu mikorere y'ubwonko. Ku gace ka nyuma ko guhangana n'indwara, umuziki ushobora gufasha mu kugabanya imihangayiko, kunoza imitekerereze, no gufasha abarwaye indwara zifata ubwonko nko kwibagirwa n'izindi (Zhang, Wang & Li, 2025).

Ese koko indirimbo za Rugamba Cyprien zigize indundo yacu zagira akamaro mu gufasha umuntu kuvuga neza yaba aganira na mugenzi we, yaba avugira mu ruhamwe ndetse no kunguka amuga? Muri rusange ni cyo kibazo cy'ingenzi uyu murimo wacu wasubije.

1.3. Intego z'ubushakashatsi

Ubushakashatsi bwose bugomba kugendera ku ntego. Haba intego rusange n'intego zihariye.

1.3.1. Intego rusange

Intego rusange y'ubu bushakashatsi ni ukugaragaza ko indirimbo zifite uruhare mu gutoza kuvuga neza no kunguka amuga.

1.3.2. Intego zihariye

Ubu bushakashatsi bugamije:

- Kugaragaza ko indirimbo zishobora gufasha abafite ubushobozi buke mu kuvuga neza no kubyimenyereza;
- Kugaragaza ko indirimbo *urungano n'igipimo cy'urukundo* zishobora gufasha kunguka amuga n'inyigisho bikubiye mu ndirimbo mu buryo bwihuse;
- Kugaragaza ko indirimbo za Rugamba *urungano n'igipimo cy'urukundo* zifasha urubumbambaga nyarwanda kuvuga neza no kunguka amuga.

1.4. Ibibazo by'ubushakashatsi

Ubu bushakashatsi bwagerageje gusubiza ibibazo bikurikira:

- Ni akahe kamaro k'indirimbo?
- Ni izihe ngingo z'ingenzi zikubiye mu bihangano *urungano n'igipimo cy'urukundo*?

1.5. Isobanurampamvu

Dufite impamvu nyinshi zaduteye guhitamo iyi nsanganyamatsiko. Impamvu twayibanzeho ni ukugaragaza uburyo zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo zishobora kugira imimaro itandukanye, aha twibanze cyane ku ndirimbo. Abenshi bafata indirimbo nk'aho zifite umumaro wo kubasusurutsa no kubashimisha mu birori bitandukanye cyangwa gushimisha umuntu ku giti cye gusa, ariko zigira n'indi mirimo ikomeye nko gutoza abanyeshuri ndetse n'urubumbambaga muri rusange kuvuga neza no kunguka amuga nkenerwa mu buzima bwa buri muni.

Indi mpamvu ni uko byagaragaye ko indirimbo zikoresha mu gutoza abanyeshuri kuvuga neza amagambo usanga akeshi abarimu ari bo bazishakira. Ariko nk'abarimu badafite ubushobozi bwo guhimba indirimbo, ayo masomo kuyigisha mu buryo busanzwe bigora abanyeshuri ndetse umubare mwinshi ukabyibagirwa vuba. Twifuza ko ubu bushakashatsi bwazagira uruhare rw'uko mu ntegenyanyigisho hakongerwamo amasomo menshi ateguwe mu buryo bw'indirimbo, akanaherekezwa n'ibikoresha byo kwigisha izo ndirimbo, urugero nka radiyo, CD n'ibindi.

Indi mpamvu ni ukugaragaza agaciro k'ubuvanganzo nyarwanda, umuco nyarwanda ndetse n'ururimi rw'Ikinyarwanda mu guteza imbere ireme ry'uburezi mu mashuri yo mu Rwanda.

Muri uyu murimo twahisemo indundo ku bihangano by'umusizi Rugamba Cyprien kubera ko ari umuntu wagize uruhare rukomeye cyane ndetse n'ubu ukirufite mu rubumbambaga nyarwanda. Rugamba ni umusizi, umwanditsi w'ibitabo, umuririmbyi benshi dufata nk'umuhanuzi. Ibihangano bye ni umurage ukomeye yasigiye Abanyarwanda. Usanga akenshi ibihangano bye byibanda ku ndirimbo zisingiza Nyagasani ndetse zinigisha ku buzima busanzwe zikaba ziririmba n'Itorero Amasimbi n'Amakombe ryashinzwe na we. Rugamba yari umuntu w'inyangamugayo, ntiyihanganiraga akarengane ako ari ko kose, akabyamagana abicishije mu nganzo ye. Ni yo mpamvu twahisemo gukoresha indundo igizwe n'ibihangano bye *urungano n'igipimo cy'urukundo*.

1.6. Amahange nyoborabushakashatsi

Muri uyu murimo twayobowe n'amahange abiri: Ihange nyamubano n'ihange ry'iyubakabumenyi. Basobanura ihange nyamubano, abanditsi Wardhaugh & Fuller (2021) bibutsa ko iyigandimi nyamubano ari ubumenyi bwiga uko abantu mubana bashobora guhindura imivugire yawe. Ubu bushakashatsi kandi bwarebye ingaruka zishobora kuba ku rurimi zishingiye ku muco no ku mibanire y'abantu. Iri hange rero riraboneye ku murimo wacu kuko buravugaga ku muryango nyarwanda mu buzima bwa buri muni bahuriyeho hafi ya bose. Biradufasha muri uyu murimo kuko iri hange ryiga ukuntu abantu bashobora guhindura imvugo y'abo bari hamwe; mbese bakunguka amagambo mashya.

Ihange ry'iyubakabumenyi: Iri hange rishimangira ko abiga ururimi biyubakira ubumenyi bushya bahereye ku bwo basanganywe. Bashingira na none ku bunararibonye bafite, amateka yabo n'uburyo babanye n'abo mu miryango yabo (Lightbown & Spada, 2021). Muri uyu murimo iri hange ryaradufashije kuko twagendeye ku buzima bw'umuryango nyarwanda n'ubumenyi basanganywe

ku mikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Mbese basanganywe ubumenyi bw'ururimi rw'Ikinyarwanda cyane ko barukoresha nk'ururimi gakondo by'umwihariko.

2. Gusoma no kujora ibyanditswe mu bushakashatsi bwakozwe

Iki gice kiribanda ku nyito z'amagambo nyobozi ubushakashatsi bwubakiyeho. Hakubiyemo kandi inyandiko z'ubundi bushakashatsi bwakozwe bufitanye isano n'iyi nsanganyamatsiko.

2.1. Ibisobanuro by'amagambo nyobozi ku nsanganyamatsiko

2.1.1. Gusobanura "indirimbo"

Indirimbo ziri mu buvanganzo nyarwanda, zikarangwa no kungikanya amajwi aherekewe n'injyana inogeye amatwi. Muri iki gihe cy'iterambere abaririmba bashobora gukoresha ibyuma bigezweho byirangira. Injyana y'amajwi y'indirimbo iryohera amatwi, igakangura imbamutima z'abantu, maze umubiri wose ukanezerwa, kugera aho kunyeganyega ndetse n'ababishoboye bakabyina (Izu, 2024). Inteko y'Umuco (2023) yibutsa ko ijambo 'imbyino' rikomoka ku nshinga 'kubyina', rigasobanura (i) guhondagura ibirenge ku butaka ku buryo bubonye ukabigira wikunda mu mubyimba kandi urusaku rw'ibirenge rukajyanirana n'indirimbo yabigenewe; (ii) indirimbo iherekewe n'umudiho.

Mu ruhererekanemvugo indirimbo zaririmbwaga mu bitaramo; iterambere ryo kwandika ryadutse indirimbo zitangira kwandikwa. Zimwe mu ndirimbo zaranditswe, zishyirwa mu bikoreho cyangwa ibyuma bya muzika bigezweho, ibya gakondo bigenda byirengagizwa gahoro gahoro. Indirimbo zumvikanaga mu buvanganzo nyemvugo nyabami ari zo bitaga indirimbo z'ingabo, zashishikarizaga umwami, ingabo n'indwanyi bagiye ku rugamba kugira umurava bagatsinda. Abantu basanzwe na bo bagiraga indirimbo zabo bwite, zikavuga ku nsanganyamatsiko zitandukanye, bakanazimurika ahantu aho ari ho hose cyane mu bitaramo no mu miryango yabo. Zimwe mu ndirimbo zibandaga ku rukundo, umurimo, kugira ubupfura, kubaha; izindi zikavuga kuri imwe mu mihango n'imigenzo yakorwaga, akenshi byabaga ari ibitongerwa.

Indirimbo igira ibiyiranga (uturango) biyitandukanya n'ubundi bwoko bw'inyandiko. Harimo nko kuba zimwe zandikwa mu buryo bw'indambure; izindi mu buryo nk'ubw'umuvugo. Abandika cyangwa abahimba indirimbo bihatira gukoresha amagambo yabugenewe kandi y'intoranywa. Intero n'inyikirizo na byo biri mu biranga indirimbo, hamwe n'ijwi rigoroye, rirongoroye, ridafite amakaraza.

2.2.2. Ibyiciro by'indirimbo n'imbyino nyarwanda

Mu rwego rwo kurinda no guteza imbere umuco nyarwanda, hashyizweho gahunda z'amashuri zigamije kwigisha abana ibyerekeye amateka, imivugo, indirimbo n'imbyino, kuko mu bihe bya kera nta buryo buhamye bwanditse cyangwa bw'ikoranabuhanga bwo kubika ibyo bihangano bwabagaho. Uretse ibyo, amatorero y'imbyino za kinyarwanda ndetse n'imiryango itandukanye bikomeje kugira uruhare rukomeye mu kubungabunga uyu muco wo kubyina. Umuziki gakondo nyarwanda ni ingenzi cyane kuko kuva kera wakorwaga nk'uburyo bwo gutambutsa ubutumwa. Byerekanwa n'ukuntu umwana akiri muto yaririmbirwaga, ndetse mu matorero harimo indirimbo z'urubyiruko n'abagabo bitwaga intore, bakoreshaga mu bihe by'intambara. Ibi byose bigaragaza ko mu buzima bwa kera bw'Abanyarwanda umuziki wari igice cy'ingenzi gifite agaciro gakomeye (Plancke, 2016). Indirimbo ni umuyoboro mugari w'isakazamuco kubera ko zigera ahantu kure kandi kuri benshi; zigafasha ibigize umurage w'u Rwanda kumenyekana imbere mu gihugu no hanze yacyo mu gihe gito (Sibomana, 2023).

Mu muco nyarwanda, indirimbo n'imbyino byahoraga bifatanye kuko kera Abanyarwanda babyinaga baririmba. Iyo bateguraga gutanga ubutumwa runaka, baheraga ku kuvuza ingoma. Urugero, iyo umwami yibamburaga, habanzaga kuvuzwa ingoma y'indamutsa, hagakurikiraho injyana y'umugendo mu gihe yarambagiraga mu bwami bwe. No mu bihe by'umwihariko nko kuryama k'umwami, hacurangwaga inanga. Bityo umuziki wakorwaga mu bihe bitandukanye, haba mu byishimo cyangwa mu bihe by'agahinda (Ntakarutimana, 2022).

Urebye kandi mu bihe byo hambere, hari umuziki wagenywe ibyiciro runaka bifatiye ku mwuga abantu bakoraga. Urugero, abahinzi bakundaga ikinimba, aborozi bakaririmba amazina y'inka, mu gihe abahigi bari bafite amahigi yabo. Kandi kenshi mu byishimo, Abanyarwanda bararimbaga, bagacuranga, bagakoma amashyi ndetse bakanavuzaga impundu (Gazemba, 2015;

Adekunle, 2007). Muri ibyo bihe bya kera kandi Abanyarwanda bagiraga umuco ukomeye wo kuririmba no kubyina, bakabifashwamo n'ibikoresho by'umuziki bya gakondo bitandukanye nk'umuduri, inanga, umwirongi, ihembe, ikondera, icyembe, amayugi ndetse n'ingoma. Sibomana (2023) avuga ko muzika gakondo nyarwanda ishobora kugira indirimbo ziherekejwe n'ibicurangisho, hakaba n'iziherekejwe n'ibicurangisho n'imbyino na muzika itangwa n'ibicurangisho byonyine.

Mu bahanzi n'amatorero gakondo nyarwanda twavugaga: Rujindiri uzwi nk'umwe mu baririmba anacuranga inanga ku buryo buhambaye; Mushabizi Jean Marie Vianney wamamaye mu ndirimbo nka *Zaninka*; Kirusu Tomasi; Kayirebwa Cécile; Sentore Athanase; Ngarukiye Daniel; Muhire Théogène; Sentore Jules; Nzayisenga Sophie; Karasira Clarisse na Muyango. Mu bijyanye n'amatorero, hazwi Urukerereza, Inganzo Ngari, Inyamibwa, Ibihame ndetse n'Indashyikirwa.

Bumwe mu bwoko bw'imbyino gakondo z'Abanyarwanda ni ubu bukurikira:

2.2.2.1. Umushayayo

Umushayayo ni imbyino yamenyekanye cyane mu Rwanda ikaba yihariwe cyane n'abagore. Iyo mbyino isobanura ubwitonzi n'ubwiza bw'Abanyarwandakazi, aho ababyinnyi baba basa no kwigana ukuntu inka zitambuka cyangwa uko ibidukikije nk'amashyamba n'amazi bigira ukwinyeganyezwa. Inteko y'Umuco (2023) yemeza ko imbyino nyinshi mu Rwanda rwo hambere zari zishamikiye ku kuvuga inka n'ubwiza kandi ko usanga ubwiza bw'inka (inyambo) bugererenywa n'ubwiza bw'Umunyarwandakazi. Abareba ababyinnyi baba barangariye cyane uburyohe bw'imbyino. Mu buryo rusange, umushayayo werekana uburyo inyamaswa zitandukanye nk'inzovu, imparage n'isha zinyanyagira mu buryo bushimishije. Iyi mbyino ishyirwa mu za mbere muri Afurika mu zakunzwe cyane, ikaba igaragaza ubugwaneza, ukwicisha bugufi, kwiyubaha, ubuziranenge, ibyishimo n'ubwiza bw'Abanyarwandakazi, ndetse inagereranywa n'uko inka zitambuka mu buryo buhebuje.

2.2.2.2. Umushagiriro

Inteko y'Umuco (2023) ivuga ko umushagiriro watangiye ari imwe mu mbyino zaserukanwaga i bwami hagamijwe kwerekana kwikunda k'Umunyarwandakazi wakereye guhimbaza abo ataramiye; ukaba umwihariko w'igitsina gore. Ushagirira akoresha ibice byose by'umubiri ariko akibanda cyane ku mubyimba n'amaboko, guhanika uruhanga ari na ko amwenyurira abo ataramiye.

2.2.2.3. Ikinyemera

Inteko y'Umuco (2023) ivuga ko ikinyemera ari imbyino ikomoka mu Majyaruguru y'Iburengerazuba bw'u Rwanda, ahitwa mu Bigogwe (Rwankeli, Nkuli, Akanage, Kingogo). Ako kari agace kiganjemo ubworozi bw'inka kuva mu bihe byo hambere, iyi mbyino bakayiserukana barata inka. Ubyina ikinyemera yibanda cyane ku gutega amaboko yigana imiterere y'amahembe y'inka. Umubyimba na wo awukoresha aworoheje uretse ko igihe kigera hakazamo no gutigisa intugu. Userukana iyi mbyino acinya ikirenge hasi; agatangira ahozoza (abyina mu buryo bworoheje), akageza igihe yongeremo imbaraga mu cyiciro cyitwa 'umurindi w'inka'.

2.2.2.4. Igishakamba

Inteko y'Umuco (2023) ivuga ko igishakamba ari imbyino ikomoka mu Nkore muri Uganda. Ngo yaje kugera mu Rwanda inyuze mu Mutara w'i Ndorwa, mu Ntara y'Iburasirazuba bw'u Rwanda, isakara mu Buganza, ikwira mu gihugu hose. Abagabo baseruka bacinya ikirenge inshuro ebyiri zikurikirana ku butaka babisikanya amaguru, ukw'ibumoso n'ukw'iburyo, bakabanza gucunda amaboko bayerekeza imbere n'inyuma cyangwa iburyo n'ibumoso. Igihe kiragera bakongera umurindi w'ikirenge, bakerekeza amaboko mu kirere bigana uko amahembe y'inka ateze. Abahimbawe cyane bacishamo bakizengurukaho ndetse bakaba banabisikana. Abagore babyina igishakamba babanza guseruka ukwabo babyina kimwe nk'abagabo. Igihe kiragera bese bagasobeka bakajyanamo akanya, nyuma abagabo bagaca bugufi ndetse bamwe bagatera ivi, bakomera amashyamba

abagore. Abagore bakarushaho guhimbarwa, bakabigaragaza mu kwikunda no mu kunyeganyeza mu mbavu.

2.2.2.5. Imbyino y'icumu

Iyi ni imbyino yo mu Burasirazuba, iserukanwa n'ababyeyi bateze urugori, batega amaboko azamuye hejuru bakayamanura imbere baganisha hasi bagiye gushinga icumu ryo hasi. Mu gihe cyo gushinga icumu ryo hejuru bazamura amaboko nk'abayashibura, bagakomeza mu ntambwe zoroheje. Umwihariko w'iyi mbyino ni ukugendera mu ntambwe bacinya ikirenge kimwe inshuro ebyiri mu ruhande rumwe, mu gihe ikindi kirenge cyo gikora hasi mu buryo bworoheje cyane ari na ko bishongora bakebuka impande zombie (Inteko y'Umuco, 2023).

2.2.2.6. Umuhamirizo w'intore

Umuhamirizo w'intore ubarirwa mu ngeri z'imyiyereko intore ziserukana. Mu Rwanda rwo hambere, kubera ko intore ari zo zatorwagamo ingabo z'igihugu, uwo mwiyerere wari ufiteye isano ya hafi n'urugamba, dore ko uhamiriza aserukana ibikoresho bikoze nka zimwe mu ntwaro gakondo mu biganza byombi ari byo icumu, ingabo cyangwa umuheto mu gihe cyo hambere (Inteko y'Umuco, 2023).

2.2.2.7. Umurambiro

Mu Rwanda rwo hambere mu Bugoyi hahozze itorero ryitwa Inkaranka ari na ryo ryonyine riyerekaga umurambiro. Umurambiro wajyanaga n'umurishyo w'ingoma wihariye, abarambira bakiraba ingwa. Abiyereka binjira umwe umwe, bakarema urugamba ruteye nk'umuheto bateganye n'abo baserukira, bagatangira kurambira umwe umwe (Inteko y'Umuco, 2023).

2.2.2.8. Ikinimba

Ikinimba ni ingeri y'imbyino dusanga mu turere tw'ahahoze hitwa mu Ndorwa. Ntibitangaje ko indirimbo gakondo ziherekeza iki kinimba zikoresha ururimi shami rw'Urukiga kuko ari ingeri Abanyarwanda basangiye n'abaturanyi babo b'ahitwa Kigezi muri Uganda. Ikinimba kibyinwa bacinya ibirenge byombi ku butaka kandi inshuro nyinshi, basimbuka ku buryo bwungikanya. Ubyina ikinimba akoresha ibice byose by'umubiri n'imbaraga nyinshi, kandi mu kwikunda kwe akikebuka intugu zombie (Inteko y'Umuco, 2023).

Nk'uko Inteko y'Umuco (2023) ibishimangira, natwe aha ntabwo imbyino zose za kinyarwanda twazivuye inyuma. icyari kigenderewe kwari ukugaragaza zimwe mu mbyino z'ibanze hamwe n'imyiyereko kugira ngo abato, abazitoza n'abandi basobanukirwe n'umwimwerere wazo.

2.2.3. Akamaro k'indirimo mu myigishirize

Inteko y'Umuco (2023) ihamya ko nta wakwirengagiza uruhare rw'amatorero aseruka mu buryo bwa gakondo ndetse n'uruhare rw'amashuri mu rugendo rwo gukomeza guteza imbere imbyino nyarwanda, gusigasira no guteza imbere umuco.

Indirimbo zigira akamaro kanini mu myigishirize nk'uko byagiye bigaragazwa n'abashakashatsi batandukanye. Muri bo twavugaga nka Hallam (2015) uvugaga ko indirimbo n'imvange y'umuziki bifite umumaro mu gukurura ubushake bw'umunyeshuri. Ubutumwa n'inyigisho binyuze mu ndirimbo, byorohera abantu gusobanukirwa ndetse no gufata mu mutwe.

Gusubiramo ibintu bimwe na bimwe by'indirimo bifasha gufata mu mutwe. Akomeza avugaga ko kumva indirimbo biteza imbere ubushishozi nyabwo bwo kwakira ubutumwa bukubiye muri iyo ndirimbo, akomeza ko indirimbo ari uburyo bworoshye cyane, igikoresho cyiza gifasha mu kwigisha amasomo atandukanye.

Dalton & Seidlhofer (2020) hamwe na Sadiqzade (2021) bavugaga ko indirimbo ikubiyemo ibintu byose bifasha by'umwihariko mu myigishirize y'indimi, ndetse n'ibisobanuro n'umuco. Aha ndeste banatanga n'ingeri z'amasomo ashobora gukoreshwamo indirimbo nko mu kwigisha ikibonezamvugo, inyunguramagambo no kwigisha kuvuga.

Abitwa Hallam (2015) na Kochanska (2019) bo berekana ko ibyishimo no kunyurwa n'ibyo umuntu akora ari byo moteri y'imikorere. By'umwihariko, indirimbo zishimishije zifashishijwe mu

kwigisha, byatuma abanyeshuri biga neza bishimye kandi ibyo bize ntibibacike. Ibi kandi bikorwa ku bantu bose hatavanguwe imyaka kuko indirimbo zifatwa nk'uburyo bwo kwidagadura bwishimirwa n'abantu b'ingeri zose.

Na ho Hallam (2015) we avuga ko umuziki ufite ibyiza byinshi mu rwego rwo kumenya no gufata mu mutwe, ni igikoresho cy'ingenzi mu kwigisha indangagaciro n'ubumenyi. Rumwe mu ngero zitangaje cyane ni uko binyuze mu muziki, cyane cyane mu njyana zishimisha abana bato nk'injyana z'inshuke n'izindi ndirimbo gakondo zishobora gufasha mu gutoza indangagaciro zitandukanye ndetse no gutoza abana ibintu by'ingenzi bakenera mu buzima bwabo bwa buri muni. Ku bw'iyi mpamvu ni byiza kugira indirimbo zitoza abana koga intoki mbere yo kurya, koza amenyo, izirimo ibice by'umubiri w'umuntu, ...

Akomeza avuga ko gukoresha indirimbo mu ishuri bifasha abana gufata mu mutwe no kuvuga neza ibyizwe, ikaba n'ingamba ikwiye gukoreshwa mu myigishirize kuko yorohereza abiga gusobanukirwa.

Kuvuga neza: Ni uburyo bwo kuvuga hubahirizwa amategeko y'ikibonezamvugo, gukoresha amagambo yabugenewe kandi ukamenya gushyira amagambo mu mvugiro (context).

Amuga: Ni amagambo umuntu ashobora kunguka ku rindi jambo. Urugero; ijambo amata dushobora kubona amuga bifitanye isano. "inshyushyu, amacunda, ikivuguto, amirire, ..."

By'umwihariko indirimbo zigisha amagambo menshi. Uko uririmba ni ko ushakisha kumenya igisobanuro cy'ijambo uri gukoresha. Kubera injyana iba irimo ikwishushanya mu mutwe maze wajya gufata ijambo aho ari ho hose bikakugaruka mu bwonko ukabyigana bityo imvugo ikarushaho kuryoha.

3. Imbonezanyigo

3.1. Intangiriro

Umushakashatsi wese, mbere yo gutangira umurimo we w'ubushakashatsi agomba kubanza kwibaza ku nzira, amayeri atandukanye azakoresha ngo agere ku ntego ze. Ni byo byitwa uburyo. Mu bushakashatsi habaho uburyo bwinshi butandukanye kuva ku bwabayeho kera n'ubundi bugenda buvuka uko isi igenda yinjira mu iterambere. Tudatinze kuri ibyo, umushakashatsi agomba kwitondera mu guhitamo uburyo azakoresha, ni ukureba mbere na mbere igice cy'ubushakashatsi arimo (domaine), kuko buri gice kigira uburyo bwa cyo biberanye. Agomba by'umwihariko kureba neza insanganyamatsiko ye, iyo yarangije kumenya neza igice n'uburyo bukoreshwamo. Insanganyamatsiko rero na yo ni yo ikwereka neza uburyo buyibereye, buyikwiriye kugira ngo isesengurwe neza.

3.2. Ingeri z'isesengura

Muri uyu murimo twifashishije ingeri z'isesengura zitandukanye. Izo ngeri z'isesengura zifashishijwe ahanini dushingiye ku ntego twihaye zadufashije gusobanura akamaro k'indirimbo mu kuvuga neza no kunguka amuga mu rubumbambaga nyarwanda.

3.2.1. Isesengurirambaga

Uwakwitegereza iri jambo uwo ari we wese, yaba yarize ubuvanganzo cyangwa atarabwize abona ari isesengura rifitanye isano n'imibereho y'abantu bagize imbaga y'umuryango runaka. Nta kwibeshya kwaba kurimo, ariko umuntu yahita yongeraho ko habaho iyo mbaga y'abantu ituye ahantu runaka hazwi (abantu bafatika), hakaba n'imbaga ivugwa mu nkuru, mu ndirimbo no mu bundi bwoko bw'imyandiko, ari yo twakwita urubumbambaga rw'abakinankuru. Mbese uwabivuga yihuse atabivuye imuzungu yabona ko ari isesengura riganisha ku isano iboneka hagati y'ibihangano n'imbaga yabihaye izuba. Twebwe ariko hano turabirambura duherereye ku gihe ndetse n'inkomoko y'iri sesengurirambaga.

Ubu buryo bw'isesengura bwadukanywe n'abahanga mu by'ijoranganzo bo mu Bufaransa, ahagana mu myaka ya za 1968. Ritangirana buhoro buhoro na Lucien Goldman (1968), bwamamazwa na Claude Duchet (1971). Ariko riza kuba gikwira cyane ku gihe cya Marc Angenot na Pierre Zima. Uyu wa nyuma we, yanditse n'igitabo kihariye kivuga ku mahange y'iryo sesengura mu rurimi rw'igifaransa cyitwa *Manuel de sociocritique*. N'ubundi "Sociocritique" ni yo

sesengurirambaga. Abo banyamahange bose b'isesengurirambaga, badasobanyije bagendera ku gitekerezo ko ubuvanganzo bufitanye isano n'urubumbambaga rw'umuhanzi n'abasomyi be. Urwo rubumbambaga rukagira uko rugaragara, ruvugwa, rushushanywa mu buvanganzo; kandi bwa buvanganzo na bwo bukagira uruhare mu myumvire y'ababwakira (Nkejabahizi, 2018).

Bityo wasoma igihangano kikaba cyagutera ubwoba cyangwa kikagukurura bitewe n'icyo kigisha cyangwa cyamagana. Cyangwa ugasanga usomye inkuru runaka akuyemo umunyarubuga yikundiye cyane ndetse yumva yanakwigana. Ni yo mpamvu ubu buryo tubufata nk'ubw'ibanze bugomba kuyobora umurimo wacu kuko iyo wumvise indirimbo ugerageza kuyisesengura ngo wumve ko harimo icyiza cyo kwiga cyangwa ikibi cyo kwamagana, bitewe n'isi urimo icyo igusaba gukora. Ni na byo Nkejabahizi (2018) avuga kuri iryo sesengura muri aya magambo: Muri make usesengura agenda agereranya urubumbambaga ruvugwa mu nkuru n'urwo we atuyemo cyangwa urwo mu gihe uwanditse inkuru yabayemo. Iyi nzobere mu ijoranganzo ikanemeza ko ari na ho haturutse invugo ngo "ubuvanganzo ni indorerwamo y'urubumbambaga".

Ariko Nkejabahizi (2018) aburira abasesenguzi b'imyandiko n'inkuru ko batagomba kwitiranya ubu buryo n'ubundi bifitanye isano ya hafi n'ibyo bita "sociologie de la littérature/sociology of literature" ari byo kwerekana uko ubuvanganzo bufatwa, bwigaragaza cyangwa buhabwa umwanya mu rubumbambaga: abahanzi, uko rubanda bitabira gusoma n'uko babwakira, ibikorwa mu kubumenyekanisha no kubuteza imbere (imurika, amazu aca n'ayacuruza ibitabo).

Muri make rero, twavugaga ko isesengurirambaga ari isesengura ryita ku kugaragaza isano iri hagati y'ubuvanganzo n'ubwakira. Bityo isesengurirambaga rifasha kwerekana akamaro ubuvanganzo bushingiye ku ndirimbo bufitiye urubumbambaga, ari rwo twebwe Abanyarwanda.

Duhuje n'indundo yacu, dusanga iri sesengura ryafasha urubumbambaga kunguka amuga, kuko nk'uko biri mu nteruro zabanje iri sesengura rifasha urubumbambaga kumva ibivugwa mu gihangano runaka (indirimo) no kubihuza n'ubuzima bwabo busanzwe. Iyo umuntu ajya guhuza ibiri mu gihangano n'isi ye, abanza gusobanukirwa amagambo ari muri icyo gihangano (indirimo) bityo akaba aboneyeho no kunguka amuga kuko uko agerageza kuyasobanukirwa ni na ko ayunguka. Ibi garahura neza n'igisobanuro cya Nkejabahizi (2019: 42), aho avugaga ko "isesengurirambaga ryita icyarimwe ku kiri mu nyandiko imbere n'ibituruka hanze yayo, ni ukuvuga inyandiko ubwayo n'ibitayirimo cyangwa ibitayigize ariko bifitanye isano na yo."

3.2.2. Isesengurangingo

Nkejabahizi (2019) atubwira ko uburyo umwanditsi cyangwa umuhanzi yitekerereza isanzure cyangwa isi yihariye, ahereye ku buryo yiyumva ubwe mbere yo gusingira ibimukikije ari byo bibyara ingingo; agashimangira ko nta ngingo ibaho gutyo gusa, itagendeye ku miterere y'inyandiko.

Niba dukeneye isomo cyangwa ubutumwa buri mu ndirimbo runaka, inzira y'isesengura ya mbere tunyuramo ni iyi sesengurangingo, kuko nk'uko Nkejabahizi (2018) abivugaga ntidukeneye kumva amagambo yose uko yakabaye: Umusesenguzi ntafata indirimbo uko yakabaye, ni ukuvuga igizwe n'amagambo cyangwa interuro n'uburyo bikozwe hamwe n'icyo bihatse, ahubwo we yirebera gusa icyo ayo magambo cyangwa interuro byifitemo cyangwa bihishe. Ni ukuvuga ubutumwa bibundiye. Ariko aho nta wakumva tuvugaga inyandiko akagira ati none se ihuriye he n'indirimo? Twifuje ko twasubiza iki kibazo, kuko duhura buri gihe n'abibaza ku nyandiko. Abenshi bayifata nk'ibyanditse byinshi bingana n'igitabo cyose! Aha na ho Nkejabahizi (2018) atanga igisubizo gitomoye ko inyandiko ishobora kungana n'interuro imwe (cyangwa ijamba rimwe) nk'uko ishobora kuba igitabo cyose. Anavugaga kandi ko inyandiko cyangwa umwandiki atari ibyanditse gusa, cyane ko inyandiko ziri ukwinshi (iza gihanga, iz'ubuvanganzo, izanditse, ...).

Muri make rero, twatsindagira ko usesengura ari we uhitamo ingingo n'uko ayita mu magambo ye bwite. Icy'ingenzi ni ugushobora kuyisobanura neza, akayumvisha abandi. Ibyo byose bigamije kwerekana ko imitekerereze, ingingo biri mu nyandiko ari ingenzi cyane, ndetse ari byo bigomba kuzirikanwa mbere y'ibindi, kuko ari ryo fatizo ry'ubwanditsi ubwo ari bwo bwose. Invugo usanga ari nk'igikoresho gusa umwanditsi yifashisha atanga ibitekerezo, ku buryo yo ubwayo nta gaciro bayiha cyangwa se bayiha gake cyane (Nkejabahizi, 2018). Mu isesengurangingo rero, usesengura atanga ingingo abona ko yigaragaza cyane mu nyandiko cyangwa mu gihangano, igisobanuro cyayo. None ni gute twaba tugomba kwerekana uburyo indirimbo zifite akamaro mu gutoza kuvugaga neza no kunguka amuga mu rubumbambaga nyarwanda, tudakoresheje isesengurangingo?

Tugendeye ku magambo ya Nkejabahizi (2019 : 51) aho avuga ko “gusesengura ikivugwa mu nyandiko mvanzozo cyangwa isesengurangingo bifitanye isano n’uko inyandiko yakirwa n’urubumbabaga cyangwa umusomyi”, twakwemeza ko isesengurangingo ridufasha kumva neza ingingo z’ingenzi zikubiye mu ndirimbo bigatoza urubumbabaga kuvuga neza no kunguka amuga akubiye mu ndirimbo aririmba cyangwa ari kumva, kuko ntabwo wamenya ingingo z’ingenzi z’ikintu runaka utabanje kucyumva ngo usobanukirwe buri jambo ririmo. Uko usobanukirwa ayo magambo ni ko ubasha kuyunguka kandi ukamenya kuyakoresha uko bikwiye.

3.2.3. Ikeshamvugo

Mu ikeshamvugo ni ho hazamo iminozo ndetse n’iryoshyamvugo kandi tuzi ko indirimbo zibikoresha cyane. Ubu buryo rero ni bwo bufasha gucukumbura iyo minozo n’uburyo ikoresha kugira ngo tubashe kumva neza ingingo ibumbye indirimbo z’indundo yacu yigwaho muri uyu murimo ndetse no ku yindi yose dushobora kwifashisha mu gutatura insanganyamatsiko yacu. Ariko se ubundi ikeshamvugo n’iryoshyamvugo ni iki?

Hari uwabona iki kibazo akibwira ko cyoroshye kidakwiye ndetse kwibazwa no kwigwa mu murimo nk’uyu, kuko aya magambo tuyakoresha buri muni. Ndetse hakaba n’abibaza ko ikeshamvugo avuga kimwe n’iryoshyamvugo.

Iyo bavuze ikeshamvugo, abenshi twiyumvira ikoreshwa ry’iminozo mu nyandiko iyi n’iyi. Ndetse hari n’abumva ko aya magambo yose: ikeshamvugo, inozamvugo, iryoshyamvugo byose ari bimwe. Nyamara si ko biri. N’ubwo byaba bihurira ku mvugo byose ariko icyo bigamije kigenda gitandukanaho gato ku buryo tubona ari ngombwa gutanga imikorere n’imikoresherezwe yabyo muri iki gice.

A. Ikeshamvugo

Ikeshamvugo, nk’uko ijamba ubwaryo ribyumvisha, ryibanda ku buryo imvugo yakoreshejwe mu mwandiko. Ntirinjira mu ngingo. Ryirebera gusa ubwiza bw’imvugo n’ubuhanga byakoreshejwe kugira ngo bigerweho. Ni byo Nkejabahizi (2018) asobanura byimbitse, avuga ko usesengura yibanda cyane cyane ku buryo ibintu byavuzwe, ubuhanga babivuganye, ubugeni babikoranye. Mbese yirebera ubwiza cyangwa se uburyohe bw’ururimi n’inzira zakoreshejwe kugira ngo ubwo buryohe buboneke.

Nk’uko indundo yacu iri, “Akamaro k’indirimo mu gutoza kuvuga neza no kunguka amuga mu rubumbabaga nyarwanda”, ntabwo ikeshamvugo twari kurisiga muri uyu murimo wacu, kuko ntabwo wavuga neza utakoresheje ikeshamvugo. Kugira ngo urubumbabaga rumenye kuvuga neza binyuze mu ndirimbo ni uko rugomba gukoresha ikeshamvugo, rukamenya gukoresha amagambo yabugenewe bitewe n’uruvugiro. Ngako akamaro k’ikeshamvugo muri uyu murimo wacu.

B. Inozamvugo

Inozamvugo ryo risa n’irizanamwo ingingo cyangwa ikivugwa, kuko usesengura areba ubuhanga uvuga yakoresheje ahitamo amagambo aberanye n’icyo avuga. Urugero ntiwaba uri kuvuga urupfu ngo umuntu azumvemo amagambo aganisha ku buryohe. Oya, hakoresha agusha ku birura, ku gahinda, wenda n’atanga icyizere aganisha ku kuzuka, cyane cyane aho ubukirisitu buziye bukatwigisha ko nyuma y’urupfu hazabaho n’izuka. Abahanga mu ijoranzozo nka Nkejabahizi (2018) na none n’ubwo na we atandukanya ikeshamvugo n’inozamvugo, yemeza ko bisa n’ibishingiye ku marangamutima, kuko usesengura nta kindi yibandaho uretse kureba uko umuhanzi yashoboye kuryoshya imvugo, kugira ngo inogere abumva cyangwa abasoma ibihangano bye. Ariko ntagarukira aho. Yuzuzwa igitekerezo cye avuga ko abikora areba uko yahisemo amagambo aberanye n’ikivugwa, inshurango yayo, imizimizo yakoresheje n’uburyo yayikenetse.

Inozamvugo mu ndirimbo rifasha urubumbababaga kuryoherwa n’ibikubiye mu ndirimbo bityo kubera kuryoherwa n’imvugo irimo, bikoroha kumenya kuvuga neza ndetse no kunguka amuga akubiye muri iyo ndirimbo.

C. Iryoshyamvugo

Ku bijyanye n'iryoshyamvugo, umuntu yanakwerura akavuga ko mu ntangiriro yaryo nta n'aho ryari rihuriye n'ibyo by'imvugo rwose, ahubwo ko ryaririfatye cyane ku buryo bwo kumvikanisha igitekerezo. Birumvikana ko mbera na mbere ryifashishwaga mu ngeri y'imbwirwaruhame, kuyitegura neza kugira ngo abayumva bayemere. Aho rero, hakora byinshi. Si imvugo gusa. N'imyitwarire y'uyitanga nk'ibimenyetso akora n'uburyo abisimburanya (gestes), ijwi ndetse n'imboneko ye mu myambaro n'isura byagiraga uruhare mu iryoshyamvugo. Ariko Nkejabahizi (2018) na we ubwe yivugira ko uburyo bwose bwakoreshwaga kera mu kunoza imvugo babwitaga iryoshyamvugo, bukaba ari ubugeni bushingiye ku mvugo n'ikifashisho mu gucengera no kujora ibihangano. Iryoshyamvugo rero si amategeko gusa, ahubwo ni uburyo bwo kuvuga umuco muri rusange, n'uko umuntu atekereza ku buhanzi mu buvuganzu n'imvugo; bikaba bigomba kugenda bihinduka nk'uko umuntu kimwe n'isi atuye na byo bihinduka. Iryoshyamvugo rifasha uririmba cyangwa uwumva indirimbo kumenya ikigambiriwe mu rubumbambaga nyarwanda.

D. Umunozo

Abahanga batandukanye barimo Nkejabahizi (2018) bemeza ko inoza ridafatika ahubwo ko rimwe na rimwe usanga ari kimwe mu biranga imvugo, ubundi rikaba uburyo bugaragaza kameremuntu, ku buryo ridahwema kurenga imbibi bashaka kurihezamo. Mu ijamba rimwe umunozo ukoresha nk'ibyo umuntu yakwita imizimizo (figures de style).

Muri make rero, n'ubwo twabonye ko cyane cyane ku kamaro no ku buryo bikoresha, byaba ikeshamvugo, inozamvugo, iryoshyamvugo ndetse n'iminozo byose birangiza bihurira ku kintu kimwe umuntu yakwita nk'icyita rusange cy'imikoreshereze y'imvugo inoze mu buvuganzu. Bityo kubibumbira mu murima umwe, bigafata umutwe mukuru w'ikeshamvugo nta cyo byaba bitwaye, gusa hakabaho kumenya ko ayo magambo yose abaho kandi ko rimwe ridasobanuye irindi. Ariko na none iryo keshamvugo na ryo ntiturihe igisobanuro gihagararira ku gushimisha umuririmbyi cyangwa uteze amatwi, mu kumugezaho imvugo iryohereye, bityo rigaha umwanya iyimikabwiza gusa, ahubwo tukarifata muri uyu murimo mu mvugo ya Nkejabahizi (2018), aho avuga ko ikeshamvugo atari ubugeni bw'imyandikire kuko ritagamije gutanga inama cyangwa amategeko, ahubwo ryihatira guhamana isura yaryo "ngwizashusho" (complexe/complex) ihindagurika mu bintu byose byitabwaho mu nzira y'ubwumvane.

Iminoza ikubiyemo imizimizo iba iri mu gihangano runaka, gusa twe turibanda ku ndirimbo. Igihe umuntu arimo ashaka ibisobanuro by'imizimizo iri mu ndirimo ni ho ahera yunguka amuga. Ni yo mpamvu iminozo tutari kuyisiga nk'uburyo bw'isesengura muri uyu murimo wacu, kuko ifasha urubumbambaga nyarwanda kunguka amuga igihe bumvise cyangwa baririmba indirimbo mu gusesengura imizimizo irimo bunguka amuga ari na yo nsanganyamatsiko y'umurimo turi gukora.

4. Ibyavuye mu bushakashatsi

4.1. Intangiriro

Uyu mutwe urerekana amakuru yavuye mu bushakashatsi n'isesengura ryayo kandi uragaragaza akazi keza Rugamba yakoze mu iterambere ry'ubuvuganzu nyarwanda. Uragaragaza kandi amateka y'ubuzima bw'umuhanzi cyangwa umusizi Rugamba ari na we dukeshya indundo yacu *Urungano n'igipimo cy'urukundo*. Mu gusesengura indirimbo zigize indundo y'uyu murimo, kugira ngo isesengura rirusheho gusobanuka neza twagiye dusobanura buri gitero kigize indirimbo zikubiye mu ndundo yacu.

4.2. Isesengura ry'indirimbo *Urungano*

Muri iyi ndirimbo igizwe n'ibitero bitanu n'inyikirizo, ngiye gusesengura nifashishije isesengura navuze haruguru ndeba ko koko harimo akamaro k'indirimbo mu kuvuga neza no kunguka amuga. Nasesenguye rero inyikirizo ukwayo ndetse n'igitero ku gitero.

Inyikirizo:

Ni umugambi twubaha,
 Ni umurage twimitse,
 Rungano jya mbere,
 Rungano sugira,
 Rungano nkwbuke,
 Nkwizihize nkogeza,
 Nkuvuge, nkuririmbe n'ejo.

Iyi nyikirizo iraragararamo isubirajwi rigaragarira muri **"ni"** na **"mu"** aho turirimba ngo: "Ni umugambi twubaha, ni umurage twimitse". Haragararamo kandi n'isubirajambo rigaragarira mu ijambo **"rungano"**. Muri iyi nyikirizo kandi, umuhanzi Rugamba arumvikanisha ko kugira urungano ari ikintu cy'ingenzi mu buzima bwa muntu kandi ko bigomba guhabwa agaciro: "rungano jya mbere, rungano sugira, rungano nkwbuke nkwezihize nkogeza". Ibi bikaba bigaragaza umuco w'urukundo.

Igitero cya mbere (Communauté de l'Emmanuel, 2002):

Ngo nkubwira agakuru nkuye iwacu,
 Usibe none, usibe uw'ejo,
 Ngo ejobundi hazaza urungano.
 Harimo abo tuzi neza twareranywe,
 Barimo benshi dukumbuye,
 Twibuka ibyiza dusangiye,
 Nta gisumba umuto mwareranywe mu ngobyi.

Iki gitero kiragararamo umubangikanyo wuzuzanya aho Rugamba yaririmbye abangikanya amagambo. Twavuga aha yaririmbye agira ati: **"Usibe none, usibe uw'ejo"** iri jambo 'usibe' riragaragaza isubirajambo. Muri iki gitero kandi, Rugamba arumvikanisha ko urungano ari abantu mwareranywe muba mufite ibyo mwakoze bituma mukumburana cyane abo mwakuranye bikaba akarusho abo muvukana.

Igitero cya kabiri (Communauté de l'Emmanuel, 2002):

Inzira z'urungano ni nyinshi cyane,
 Nk'amashuri, itorero urimo,
 Aho ukorera ndetse n'intambara,
 Aho hose ni ho iwabo w'urungano,
 Nta n'uwacikwa ngo ateshuke,
 Cyangwa yirenge abirahire,
 Y'uko azibera ukwe adataramana n'urungano.

Iki gitero kiragararamo isesengurangingo y'igereranya. Igereranya rigaragarira aha yaririmbye agira ati: "Nk'amashuri". Umuhanzi aragereranya urungano n'amashuri. Muri iki gitero kandi umuhanzi Rugamba agaragaza ko urungano ruri ahantu henshi, aho ukorera hatitawe ku myaka abo mukorana bafite; kuba mukorana byonyine birahagije kuko muba mufite ikintu kibahuza. Ni kimwe kandi n'itorero, amashuri ndetse n'intambara. Bivuze ko iyo uri mu bantu runaka mufite intego imwe nta wahakana ko atari urungano kuko muba muhuje byinshi, muraganira, mugasabana ndetse mugasangira ibibazo mugafatanyaga no kubishakira umuti.

Igitero cya gatatu (Communauté de l'Emmanuel, 2002):

Urungano mwumva na rwo ruri kwinshi,

N'abakambwe b'imvi nyinshi,
 B'ubutubando babamo urungano,
 Mu batoya ho indirimbo ni urungano,
 Mu bikwerere ni yo mbyino,
 Mu bihumuza ni yo mvugo
 Nta we utatira umutwe mwiza w'urungano.

Iki gitero kirimo isubirajwi n'isubirajambo bigaragarira aha Rugamba agira ati: "Mu batoya, mu bikwerere, mu bihumuza, ni yo mbyino, ni yo mvugo". Izi "mu" na "ni yo", ni byo bigaragaza isubirajwi n'isubirajambo muri iki gitero. Umuhanzi muri iki gitero aragaragaza ko buri cyiciro kigira urungano. Kugira urungano ntibigomba imyaka runaka haba mu bakambwe, mu bihumuza, mu bikwerere hose habamo urungano byagera mu batoya bikaba akarusho.

Igitero cya kane (Communauté de l'Emmanuel, 2002):

Kungana n'undi burya ni igihango,
 Uba intati, umena ibanga,
 Uwanga abandi kiramusarika,
 Ni ukuremerwa intango idacubangana,
 Nta we uyitunga igicagate,
 Nta we uyicaguramo inshuro
 Usanga isesuye, isendereye urugara.

Iki gitero na cyo kirimo isubiramo rigaragarira aha: "Nta we uyitunga igicagate, nta we uyicaguramo inshuro". Iri jambo "Nta we" ndetse na "uyi", ni byo bigaragaza isubirajwi n'isubirajambo muri iki gitero. Muri iki gitero kandi, umuhanzi yagaragaje ko kungana n'undi ari igihango muba mufitanye, ko umuntu aba akwiye kubyubaha kandi akirinda guhemukira urungano rwe kuko icyo utatiye icyo igihango kikugwa nabi ukisanga ahabi. Arongera kandi akavuga ko ari ukuremerwa intango idacubangana bivuze ko ari ukubana na bagenzi bawe bizira uburyarya ukirinda guhemuka.

Igitero cya gatanu (Communauté de l'Emmanuel, 2002):

Urungano rwiza ni nko kota ikome,
 N'iyo ukonje, uhinda umushyitsi,
 Iyo urusanze uhita ususuruka,
 Kandi umwe muri rwo ni nk'umwase benyegeza,
 Iyo urwinjijemo umera nk'ishashi,
 Ridacumbeka ngo ribe ikara,
 Usanga wakirana no mu mwijima uri rumuri.

Muri iki gitero ari na cyo cya nyuma cy'indirimbo *Urungano*, turasangamo igereranya aho umuhanzi aririmba agira ati: "Ni nko kota ikome", n'ahandi agereranya agira ati: "Umera nk'ishashi". Ibi ni byo bigaragaza igereranya muri iki gitero. Umuhanzi Rugamba yavuze ko urungano rwiza ari nko kota ikome. Ibi bisobanuye ko ari nko kota umuriro mwinshi umwe ugeraho wasuherewe imbeho yakwishe ugahita ususuruka kandi ko buri wese mu rungano agereranywa n'umwase benyegeza bisobanuye ko buri wese afite akamaro nta we uhejwe mu rungano cyangwa ngo hagire abita ku nshingano abandi bigire ba ntibindeba.

Tugendeye ku ndundo yacu muri uyu murimo w'ubushakashatsi "akamaro k'indirimbo mu gutoza kuvuga neza no kunguka amuga", turasanga koko ari byo indirimbo zifite akamaro mu gutoza kuvuga neza no kunguka amuga. Muri iyi ndirimbo *Urungano* irimo ingingo z'ingenzi zikurikira: urungano abo ari bo; ahantu ushobora gusanga urungano; kwirinda guhemuka kuko kungana n'undi ni igihango kandi icyo utatiye igihango kiraguserika. Harimo kandi ingingo igaragaza ko urungano nta cyiciro rurangiriraho; buri muntu ku kigero cye aba afite urungano.

Ikigaragaza ko iyi ndirimbo itoza kuvuga neza ni uko yubahirije amategeko y'ikibonezamvugo, irimo amagambo yabugenewe kandi amagambo arimo ajyanye n'imvugiro. Irafasha kandi kunguka amuga kuko harimo amuga menshi umuntu yakungukira muri iyi ndirimbo. Aha twavuga: urungano; ibikwerere; abakambwe; ibihumuza; igihango; intati; gusarika; inshuro; ikome; kwenyegaza ndetse n'ishashi. Nk'urubumbambaga nyarwanda twakura inyigisho y'umuco w'urukundo muri iyi ndirimbo tukirinda gutatira igihango tukamenya ko turi bene mugabo umwe buri wese akabera mugenzi we urungano rwiza bityo Abanyarwanda twese tukaba umwe.

4.3. Isesengura ry'indirimo Igipimo cy'urukundo

Iyi ndirimbo igizwe n'ibitero bitatu n'inyikirizo, twayihisemo mu zindi ndirimbo za Rugamba tugamije gusakaza umuco w'urukundo mu Banyarwanda ndetse no kuyisesengura kugira ngo turebe akamaro ifite mu kuvuga neza no kunguka amuga. Tugiye kuyisesengura igitero ku kindi.

Inyikirizo (Communauté de l'Emmanuel, 2002):

Igipimo cy'urukundo rwiza
burya kiraruhije,
dore data yampaye inka
ati uwo mwuzura urayimuhe,
mpita ntekereza uwo nkunda.
Umubyeyi ati ubanze
usuzume urebe ko ari imena,
ati yenda uwo uramukunda
agakunda undi hirya
ati cyangwa hari undi hirya
ugukunda birebire,
urukundo rugororerwa
ni urutajya rugoragora.

Iyi nyikirizo iragararamo isubirajwi ndetse n'isubirajambo, bigaragarira kuri aya magambo "**Ati**" "**uwo**" Muri iyi nyikirizo kandi umuhanzi Rugamba aragaragaza ko kumenya umuntu ugukunda bigora aho agira ati "igipimo cy'urukundo rwiza burya kiraruhije". Buri gihe iyo ubonye ikintu cyiza utekereza uwo ukunda ariko uba ugomba kugira amakenga kuko ushobora gusanga wa wundi ukunda kurusha abandi we atagukunda, cyangwa umwe utitaho ari we ugukunda kurusha abandi nk'uko muri iyi ndirimbo yagize ati "dore data yampaye inka ati uwo mwuzura urayimuhe, mpita ntekereza uwo nkunda. Umubyeyi ati ubanze usuzume urebe ko ari imena, ati yenda uwo uramukunda agakunda undi hirya, ati cyangwa hari hirya ugukunda birebire." Urukundo rugororerwa ni urutajya rugoragora, rumwe rwa nyarwo rwakwemera kwitangira undi igihe cyose.

Igitero cya mbere (Communauté de l'Emmanuel, 2002):

Bwamaze kugoroba
ati sanga uwo ukunda uwo
Umubwire ko wishe umuntu
ukaba uje ngo aguhishe
Yahise ampinda aravuga
ati ayo maraso wavushije
si nje ukwiye kuyishyura
Cyo jya iwanyu.

Iki gitero kirimo isubirajambo rigaragarira ku ijambo "**Ati**" rivugwa inshuro irenze imwe. Umuhanzi aragaragaza ko kugeragerasha inshuti ibibazo ari byo bikwereka inshuti ya nyayo kuko nk'uko

Abanyarwanda babivuga “inshuti nyayo uyibona mu byago”. Umuntu ugukunda bya nyabyo ntabwo akangwa n’ibyago ibyo ari byo byose; na ho ukuryarya agukunda iyo uri muzima wagera mu byago akagutererana kuko nyine nta rukundo aba agufitiye nk’uko mu ndirimbo uyu mugabo yagize ati “ayo maraso wavushije si nje ukwiye kuyishyura cyo jya iwanyu.”

Igitero cya kabiri (Communauté de l’Emmanuel, 2002):

Hari undi wankundaga
ariko nje simwiteho
Namusanze iryo joro ryose
imvura inyagira
nti nische umuntu cyo mpisha
afata intwaro maze ampa indi
ati ducike tujye kure
ati humura.

Usesenguye iki gitero usanga harimo isubirajambo rigaragarira ku ijambo “**Ati**”. Muri iki gitero cya kabiri kandi, umuhanzi aragaragaza ko umwe udakunda ndetse ntumwiteho, ushobora gusanga ari we ugukunda bya nyabyo ndetse akaba yanakwitangira igihe abo wafataga nk’inshuti zawe magara bagutereranye. Iki gitero dukwiye gukuramo isomo ryo kutagira uwo twirengagiza kuko utabarwa n’uwo utatekerezaga ko yabigukorerwa. Tugomba guha agaciro buri wese kuko nta we umenya aho bwira ageze.

Igitero cya gatatu (Communauté de l’Emmanuel, 2002):

Twakiraguye imisozi
imibande tuyogamo
Agakoma ikime ahinda
ibyatsi ngo nje mbone uko mpita,
Maze turiruka ngeze aho ndamubwira
nti nagiraga ngo ndebe ko unkunda
nza kubigusuzuma
Ubu ndanyuzwe.

Muri iki gitero ari na cyo cya nyuma, umuhanzi aragaragaza ko nyuma yo gusanga wa wundi atitagaho akaba ari we umutabara, birutse bari gucika bwa nyuma akamubwiza ukuri ko nta muntu yishe ahubwo yashakaga kumenya inshuti ya nyayo. Ni amahire ko yamenye inshuti imukunda bya nyabyo ntabwo azongera kuryarywa ukundi.

Indundo yacu muri uyu murimo w’ubushakashatsi ni ukugaragaza akamaro k’indirimo mu gutoza kuvuga neza no kunguka amuga. Iyi ndirimbo *Igipimo cy’urukundo* tumaze gusesengura iragaragaza ko koko indirimo zifite akamaro mu kuvuga neza kuko nk’uko twabisobanuye mbere, kuvuga neza ni uburyo bwo kuvuga hubahirizwa amategeko y’ikibonezamvugo, gukoresha amagambo yabugenewe (ikeshamvugo) no kumenya gushyira amagambo mu mvugiro. Aho duherewe tuvuga ko iyi ndirimbo yafasha kuvuga neza ni uko ubwayo yubahiriza amategeko y’ikibonezamvugo, irimo amagambo yabugenewe kandi amagambo ayirimo ajyanye n’imvugiro. Urugero rw’ayo magambo ari muri iyi ndirimbo agira igisobanuro bitewe n’imvugiro: igipimo; guhinda; kuzura; gukoma n’ayandi. Iyi ndirimbo ndetse yafasha mu kunguka amuga kuko ubwayo harimo amuga umuririmbyi ashobora kuyikuramo. Aha twavugaga nk’intwaro, imena, kugororerwa, kugoragora, guhinda, ... Indirimbo *Igipimo cy’urukundo* iradutoza umuco w’urukundo rutaryarya. Nk’urubumbambaga nyarwanda duharanire gukurikiza inama ziri muri iyi ndirimbo bityo twaba turimo duha agaciro umurimo mwiza Rugamba yakoze.

5. Uruhare rw'uyu murimo mu ruhandu rw'ubushakashatsi

Nk'uko Inteko y'Umuco (2023) ibigarukaho, dufite inshingano yo kubungabunga no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'umurage by'u Rwanda. Gukomeza ubushakashatsi bwibanda ku ndirimbo rero ni bumwe mu buryo buzadufasha kugera kuri iyo ntego.

6. icyo uyu murimo udushishikariza gukora

Tugana ku musozo w'uyu murimo, ntitwakwemeza ko twavuze ibigomba kuvugwa byose kuri iyi nsanganyamatsiko no kuri iyi ndundo. Bityo turahamagarira abandi bashakashatsi kutwuzuzza kubirebana n'akamaro k'indirimbo cyane cyane indirimbo zacu nk'Abanyarwanda by'umwihariko iz'umuhanzi Rugamba Cyprien. Bashobora kwiga uburyo hari indirimbo ze zimwe na zimwe zigisha kurandura ibibi n'amacakubiri nk'izi zikurikira: *Agaca, Inda nini muyime amayira* n'izindi.

7. Umwanzuro

bushakashatsi ku "kamaro k'indirimbo mu kuvuga neza no kunguka amuga", bwari bufite intego rusange yo kugaragaza ko indirimbo zifite uruhare mu gutoza kuvuga neza no kunguka amuga. Kugira ngo ibigamijwe mu bushakashatsi bibe bifite ireme, twibanze ku bihangano bibiri ari byo *Urungano n'igipimo cy'urukundo*. Ivyavuye mu bushakashatsi byagaragajwe hakurikijwe intego zari zigenderewe. Ku ntego ya mbere yari igenderewe kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu bihangano *Urungano n'igipimo cy'urukundo* zimakaza umuco w'urukundo mu rubumbambaga nyarwanda. Kuri iyi ntego, mu isesengura ry'ibihangano bibiri byibanzweho, hagaragaramo ko koko indirimbo zifite akamaro mu gutoza umuco w'urukundo no kubana neza.

Intego ya kabiri yari igenderewe kugaragaza ko indirimbo zishobora gufasha abafite ubushobozi buke bwo kuvuga neza amagambo kwimenyereza kuyavuga. Kuri iyi ntego, twagerageje kureba impamvu nyamukuru abantu bakunda gufata ibintu runaka bakabishyira mu ndirimbo. Twasanze impamvu abantu bakunda kubigenza gutyo ari uko iyo biri mu ndirimbo abantu babifata mu mutwe kandi bakanabivuga neza. Urugero aha twavugaga nko mu Kiliziya ku ndangakwemera usanga akenshi iririmbwa akaba ari bwo kenshi bayivugaga neza yavugaga mu magambo ugasanga barayivugaga nabi bamira amagambo kandi babicurikiranya. Ahandi twatangaho urugero ni mu mashuri. Iyo umwarimu ashaka ko abanyeshuri bavugaga neza ikintu runaka akoresha akaririmbo bikorohera abanyeshuri kuvuga neza ndetse bakanabifata mu mutwe. Urugero ni indirimbo y'itonde ry'inuyuguti: A-B-C-D, E-F-G-H, I-J-K-L-M-N, O-P-R-S-T, U-V-W-Y-Z), amezi y'umwaka: Amezi yacu mu Kinyarwanda, yose uko ari cumi n'abiri, itegere amatwi nyakubwire wiyumvire ukuntu ari meza. Mutarama-Gashyantare, Werurwe-Mata, Gicurasi-Kamena-Nyakanga, Kanama-Nzeri hamwe n'Ukwakira Ugushyingo-Ukubozza arashize.

Intego ya gatatu yari yerekeye kugaragaza ko indirimbo zifasha kunguka amuga n'inyigisho bikubiye mu ndirimbo mu buryo bwihuse. Tugendeye ku bihangano bya Rugamba Cyprien twifashishije ku ndundo yacu ari byo *Urungano n'igipimo cy'urukundo* turasanga ari byo koko indirimbo zifasha kunguka amuga ndetse n'inyigisho zikubiye mu ndirimbo ku buryo bwihuse. Nk'amuga ari mu ndirimbo *Urungano* ni aya akurikira: abakambwe, ibikwerere, ibihumuza, intati, gusarika, inshuro, ikome, kwenyegera n'ishashi. Amuga ku ndirimbo *Igipimo cy'urukundo* ni aya akurikira: intwari, imena, kugororerwa, kugorogora no guhinda.

Izi ndirimbo ziri mu ndundo yacu zombi inyigisho ikubiyemo ni ukugira urukundo, kwirinda guhemukira mugenzi wawe ndetse ziradutoza umuco w'amahoro. Kuri iyi ntego ya gatatu ni ho hashakishijwe ibyifuzo maze bigaragara ko indirimbo ari ingenzi mu rubumbambaga nyarwanda bityo indirimbo nyarwanda zikaba zajya zikoreshwa kenshi mu mashuri ndetse no mu birori bitandukanye cyane cyane mu mashuri kugira ngo abanyeshuri bakurane umuco wo gukunda umuco w'iwabo ndetse no kunguka inyigisho zikubiye mu ndirimbo nyarwanda.

8. Gushimira

Twabwwe, abakoze uyu murimo, turashimira cyane Nteziyaremye Alphonse ku nama yaduhaye. Zatumye tunozza neza ibitekerezo no kubitondeka neza. By'umwihariko turamushimira ibitabo yaduhaye byadufashije kubona amakuru ahagije twifashihishije. Abakosoye uyu murimo bose bumve ko tubashimiye twivuye inyuma, kimwe n'abatangaje ubu bushakashatsi (*Journal of Indigenous Languages*) bukagera ku basomyi benshi.

Indangasoko

1. Adekunle, J. O. (2007). *Culture and customs of Rwanda*. Greenwood Press.
2. Betton, E. (2024). La musique, objet médiateur dans la relation thérapeutique. *Education permanente*, (2), 69-78.
3. Budson, A. E. (2020). *Why is music good for the brain?* Harvard Health. Retrieved from <https://www.health.harvard.edu/blog/why-is-music-good-for-the-brain-2020100721062>
4. Communauté de l'Emmanuel. (Ed.). (2002). *Urumuri rwa Rugamba*. Kigali, Rwanda.
5. Dalton, J. P., & Seidlhofer, B. (2020). Songs and language learning: Integrating grammar, vocabulary, and speaking skills. *Language Teaching Research*, 24(3), 309-328. <https://doi.org/10.1177/1362168819831264>
6. Dubois, L. (1924). L'éducation de l'oreille. *Bulletins de l'Académie Royale de Belgique*, 6(1), 113-124.
7. François, C., & Pichon, S. (2024). La musique comme outil thérapeutique durant la petite enfance. *Musique science et santé*.
8. Gazemba, S. (2015). *Traditional music in Rwanda*. Music in Africa.
9. Hallam, S. (2015). The power of music: Its impact on the intellectual, social and personal development of children and young people. *International Journal of Music Education*, 33(2), 118-135. <https://doi.org/10.1177/0255761415577433>
10. Inteko y'Umuco. (2023). *Inyoborabatoza y'imbyino gakondo za Kinyarwanda*. Huye. Retrieved from <https://www.rwandaheritage.gov.rw/index.php?eID=dumpFile&t=f&f=80461&token=511afc6509a97abf661fbc86d3d974c88ec2c340>
11. Izu, B. O. (2024). The impact of oral traditions on African indigenous musical practices: A systematic literature review. *Journal of Arts and Cultural Studies*, 3(2), 1-12. <https://doi.org/10.23112/acs24110401>
12. Kochanska, G. (2019). Positive affect and motivation in learning: The role of enjoyment. *Journal of Educational Psychology*, 111(4), 648-660. <https://doi.org/10.1037/edu0000316>
13. Lightbown, P. M., & Spada, N. (2021). *How languages are learned* (5th ed.). Oxford University Press.
14. Moussard, A., Rochette, F., & Bigand, E. (2012). La musique comme outil de stimulation cognitive. *L'Année psychologique*, 112(3), 499-542.
15. Nkejabahizi, J. C. (2018). *Isesenguranyandiko n'ijoranzozo mu Kinyarwanda*. Eds of University of Rwanda.
16. Nkejabahizi, J. C. (2019). Ubuvanganzo, umuco n'ubushakashatsi. In Mukama, E., & Nkusi, L. (Eds.). (2019). *Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu*. African Minds: South Africa.
17. Ntakarutimana, C. (2022). *The role of traditional music and dance in cultural education in Rwanda*. Kigali: Rwanda Cultural Institute Publications.
18. Plancke, C. (2016). Contemporary dynamics in Rwandan dances: Identity, changing creativity and the globalisation of affect. *Dance Research*, 34(2), 150-169. <https://doi.org/10.3366/drs.2016.0157>
19. Sadiqzade, Z. (2021). Melodies in the classroom: Using songs to enhance English language learning. *Acta Globalis Humanitatis et Linguarum*, 25(2), 18-25. <https://doi.org/10.69760/aghel.0250020018>
20. Sibomana, F. X. (2023). Muzika nyarwanda, umuyoboro w'itozamuco, isakazamuco n'iterambere. In Inteko y'Umuco. (2023). *Umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo mu iterambere*. *Rwanda Cultural Heritage Journal* (4), 115-133.
21. Toyoshima, K., Fukui, H., & Kuda, K. (2011). Piano playing reduces stress more than other creative art activities. *International Journal of Music Education*, 29(3), 257-263.
22. Wardhaugh, R., & Fuller, J. M. (2021). *An introduction to sociolinguistics* (8th ed.). Wiley-Blackwell.
23. Zhang, L., Wang, Y., & Li, J. (2025). Effect of music therapy on cognitive function among older adults: A systematic review and meta-analysis of randomized controlled trials. *Journal of the American Medical Directors Association*, 26(1), 100-112. <https://doi.org/10.1093/geront/gnz123>
24. Zima, P. V. (2000). *Manuel de sociocritique* (nouvelle éd., mise à jour). Paris, France: L'Harmattan.

